IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME MU MUHANGO WO KWIZIHIZA ISABUKURU Y'IMYAKA 50 UMURYANGO "MOTHERS' UNION" UMAZE MU RWANDA

Kibagabaga Anglican Parish of Gasabo, 31 Nyakanga 2016

Banyakubahwa bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,

Nyakubahwa Umushumba mukuru w'Itorero Anglican mu Rwanda,

The Worldwide President of Mothers' Union,

Madame Muyobozi mukuru wa Mothers' Union mu Rwanda,

Bakristo, bavandimwe mwese muri hano,

Ndagira ngo ntangire mbifuriza Isabukuru nziza, y'imyaka 50 Umuryango "Mothers' Union" umaze ushinzwe. Nk'umwe wizihije imyaka 50 mu bihe bishize, nababera ubuhamya bw'icyo bivuze kugira imyaka 50. Ni igihe cyiza mu buzima bw'umuntu, bw'itorero. Ni igihe umuntu aba akwiye gufata ngo yikebuke, arebe koko ko uko abayeho bifitanye isano n'icyo yakwifuza cyamuranga, yaba ataranabigeraho nabwo akaba yakwikebuka, ntabwo biba bikiri kare cyane ariko ni nk'uko ashobora kuba yakwisama akongera agafata umurongo.

Nkaba kandi nejejwe no kuba nifatanyije namwe, kuri uyu munsi w'ibyishimo, ku muryango wanyu. Ndetse nishimiye no gusangira namwe ifunguro rya roho, ryo kuri iki cyumweru.

Distinguished Worldwide President of Mothers' Union,

I would like to extend to you a warm welcome to Rwanda, a nation that has steadily been pulling all human, and material resources together, to improve livelihoods in our different communities. I humbly believe that the rebirth of our country would not have been the same, without the precious care of our mothers that they have so devotedly been giving to those around them. Indeed, our mothers often naturally stepped in as counselors to provide the support our communities needed to start healing, in the absence of enough trained psychologists, and as such, associations like Mothers' Union, that focus on the wellbeing of the family, played an important role in helping rebuild our nation.

Iyo turebye mu migani, umutwe wa 18, umurongo wa 22 batubwira ko "*ubonye umugore mwiza aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n'Uwiteka*", twakomeza mu mutwe wa 19, umurongo wa 14, bakatubwira ko

"*Urugo n'amatungo umuntu abiragwa n'ababyeyi be, ariko umugore witonda umuhabwa n'Uwiteka*". Iri jambo ry'Imana ritwereka agaciro twahawe kuva twaremwa. Ngira ngo umugore mwiza cyangwa uwitonda, uvugwa hano ni urangwa n'ibikorwa nk'ibi by'ubumuntu Mothers' union mukora. Ariko nibutse ko nanone, iyo umugore mwiza adafatanije n'umugabo we ntabwo ubwiza bwe bugira akamaro. Nkaba aha nashimira umuryango Mothers' union kuba warashyize imbere kubaka imiryango. Ndumva twese twemeranywa ko Mothers na Fathers' Union biri ngombwa.

Twese abemera tuzi neza ko, igituruka ku mwami wacu Yesu Kristo cyose ari Umugisha. Tugira rero amahirwe nk' Abanyarwanda, kuko ababyeyi ba Mothers' Union ari umugisha ku miryango mwashatsemo tunashimangira ko kuba bigenda neza ari uko mwashatse neza, ndetse ahubwo muri n' umugisha ku gihugu cyacu.

By'umwihariko nifuzaga kubashimira, uruhare rwanyu mu rugendo rwo kongera gusana igihugu cyacu, tumazemo imyaka irenga 22. Mumfashe dushimire ko Mothers' Union n'Itorero Anglican mu Rwanda muri rusange, mwagize uruhare mu gutabara no kwita ku bababaye, komora ibikomere mu muryango, gushimangira ubumwe nk'ihame

rikomeye ry'itorero, no guteza imbere umuryango nyarwanda.

Kuba uyu muryango waranahawe iri izina ryiza, kuva ugitangizwa na Mary Sumner mu 1876, ndetse no mu Rwanda mu **1965** nk'uko byavuzwe, waratekereje kugira umugore ishingiro ryo kubaka umuryango, n'itorero rishingiye ku mahame ya gikirisito ni ibyo gushimirwa. Nibaza ko bitanagoranye kubyumva, kuko Abanyarwanda na kera twari tubisanganywe mu muco wacu.

Ibikorwa byose mwatubwiye mwagezeho, ni indashyikirwa, by'umwihariko ntako bisa, kuba mufasha imiryango kwimakaza amahoro mu ngo zabo, kuko urugo rwiza umuntu yanarugereranya n' ijuru rito ku isi. Kuko iyo abashakanye babanye neza, bumvikana, bakundana, bakita ku nshingano zabo uko bikwiye, urugo rwabo ruba uburuhukiro bw'abarushye n'abafite intimba abo ari bo bose. Iyo abashakanye bumvikana kandi bashyize hamwe, n'iterambere ryabo rirushaho kwihuta kandi bigaha umurage mwiza, abo babyara, abana babakomokaho.

Uruhare rwanyu rero mu kwita ku mibereho y'Abanyarwanda, cyane cyane kwita ku mibereho myiza,

ndetse n'uburere bw'abana, bigaragarira buri wese, kandi ni ibikorwa bya ngombwa mu buzima bw'Igihugu.

Imyaka 50 rero mumaze, si mike n'ibikorwa ni byinshi, ariko kandi inzira iracyari ndende nk'uko mwabyivugiye. Muri iyo myaka u Rwanda, rwabaye mu mateka ya Jenoside no mu guhohotera ikiremwamuntu, ariko nanone u Rwanda rwarongeye rubumbira Abanyarwanda hamwe, kandi batera imbere hamwe. Aha twakwishimira ko ubu dufite igihugu kiduha umurongo mwiza wo gukoreramo

Itandukaniro rigize amateka yacu mabi n'ameza twese tuzi, dukomeze kurishimangira mufatanyije n'abandi Banyarwanda. Kwimakaza ubumwe, ubworoherane, urukundo n'iterambere bibe mu bikorwa byose, biranga uyu muryango.

Mwatubwiye gahunda mufite mu myaka iri mbere, kandi koko birakenewe iyo turebye ibibazo bikigaragara mu muryango wacu, nanjye rero nshimangire, nongere ku mukoro Musenyeri Birindabagabo yabahaye, ndagira ngo nifuze ko duhana umukoro ngo dufatanye kubishakira ibisubizo:

- Bimwe byavuzwe ariko wenda ndaza kubisubiramo, muri iyi minsi ubona gutandukana kw'abashakanye, bigenda bitera impungenge. Haba mu ngo zimaranye igihe, cyangwa mu ngo zishinzwe vuba. Nk'uko nigeze kubivuga urugo ni ijuru rito, ariko na none mwibuke ko ari n'u Rwanda ruto, kurusenya bigira ingaruka ku gihugu cyose. Hakorwa iki kugira ngo tubone igisubizo, duhereye ku bakirisito b'Itorero Anglican turi kumwe uyu munsi, ndetse n'Umuryango nyarwanda muri rusange?

- Urubyiruko rwugarijwe n'ikibazo cyo kwishora mu biyobyabwenge n'ibisindisha n'ubusambanyi, ndetse n'ikibazo cy'Abangavu baterwa inda, bagatereranwa n'imiryango yabo, n'ababatera inda. Aha ndabibutsa ko bashobora no kwandura virusi itera SIDA, n'izindi ndwara nyinshi.

  Dufite Abanyarwanda benshi bemera Imana cyangwa, baturuka mu miryango y'abakirisito n'abemera Imana, hakwiriye gushakwa uburyo twafasha urubyiruko rwacu, kutishora muri byo byago byangiza ubuto bwabo. Ababyeyi twese haba mwebwe Mothers' Union n'Itorero

muri rusange, dukwiye kureba ukuntu dutoza ababyeyi, kumenya kuganira n'abana bakiri bato, kugira ngo bafate umurongo n'icyerekezo cy'ubuzima, amazi atararenga inkombe.

- Ikigaragara, dufite kandi n'ikibazo cy'abana bata ishuri, n'abana bibera mu muhanda. Bimwe bavuze mbere, ntabwo bakwiye kuba mu mihanda, umuhanda ntabwo ari urugo umuntu arereramo. Ngira ngo ibi si inshingano za Leta gusa, ahubwo n'imiryango itegamiye kuri Leta nk'Amatorero, akwiriye guhuza ubutumwa butangwa n'imibereho y'abakirisito. Tukabatoza ko kwiyemeza umurimo wo kubyara, bijyanye no kwiyemeza kurera abana bacu.

Dufite amahirwe ko iri torero rifite amashuri impande zose, hakorwa iki ngo aya mashuri agendere ku ndangagaciro gikirisito, afashe no mu kurandura ikibazo cy'abana bata amashuri?

Abanyamuryango ba Mothers' Union mukomeze kubera aba bana ba "Malayika Murinzi" mubarinda ikibi cyose.

Mukomeze gutanga umusanzu mwinshi ku gukemura bimwe muri ibi bibazo.

Mu gusoza, nagira ngo nongere nshimire uruhare rw'Itorero Angilikani mu Rwanda muri rusange, ariko by'umwihariko abagize umuryango wa "Mothers' Union".

Nta kiruta kwishyira hamwe, kandi ku busabe bwa Presidente wanyu, dukunda abadusanga, ubufatanye mwadusabye kugirana na Imbuto Foundation, twabwakiriye neza, cyane cyane ko tunafitanye n'igihango cya gahunda y' "ijisho ry'umuturanyi", murabyibuka ni gahunda yaturutse kuri "Malayika Murinzi", ntabwo ndi buyisubiremo cyane kuko Musenyeri yabivuze bihagije.

Mbonereho n'umwanya wo gishimira impano mwampaye, kiriya giseke ntabwo nacyita agaseke, ni igiseke kinini. Igiseke cyabatwaye imyaka 50, kigomba kuba gipfunditsemo amabanga menshi cyane, kandi sinzayamena, ahubwo tuzubakira mu byo mugezeho.

Mumfashe kandi dushimire Lynne Tembey, umuyobozi mukuru wa Mothers' Union kuba yarahisemo kuza kwifatanya n'Abanyarwanda.

Bavandimwe bakristo b'Itorero Anglican mu Rwanda by'umwihariko banyamuryango ba Mothers' Union, nongeye kubifuriza isabukuru nziza. Dukomeze gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda, tubwize ukuri abana bacu, amateka twaciyemo n'isomo twayavanyemo. Tubatoze umuco wo gukora no kuba inyangamugayo (Accountability), kureba kure no kwimakaza Ubunyarwanda (Thinking big). Kuko Ubunyarwanda tubukomeyeho, bituma tunashimangira ihame ryacu ry'Ubukirisito itorero ryimakaza. Twese duharanire kuzaraga abana bacu u Rwanda rwiza rwunze ubumwe (Unity), maze na ***Mothers' Union*** ishimangire ***Rwandans' union***.

Mukomeze mugire Isabukuru nziza, n'icyumweru cyiza.

Murakoze.